ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kane, tariki ya 28 Nzeri 2017, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKAKARANGWA Clotilde.

Ku murongo w'ibyizwe hari ingingo zikurikira:

(i) Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 29/06/2017;
(ii) Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2016-2017;
(iii) Gusuzuma no kwemeza raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2016-2017;
(iv) Gusuzuma no kwemeza raporo y'indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye itora rya Perezida wa Repubulika ryo kuwa 4 Kanama 2017;
(v) Kungurana ibitekerezo ku isobanurampamvu ry'umushinga w'ivugururwa ry'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro;
(vi) Gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro.

Ku ngingo ijyanye no gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 29/6/2017; Inama Rusange yayemeje imaze kuyikorera ubugororangingo bw'imyandikire.

Ku ngingo irebana no gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017, Inama Rusange yashimye ibyagezweho n'uburyo ingengo y'imari yakoreshejwe maze irayemeza.

Ku ngingo irebana no gusuzuma no kwemeza raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017, Inama Rusange yashimye ko imari n'umutungo by'Ihuriro byacunzwe neza.

Email: info@forumfp.org.rw B.P: 7459 Kigali / Rwanda Website: http://www.forumfp.org.rw/